REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MATA 2024

10 Gicurasi 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2024

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Mata 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,5% ugereranyije na Mata 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2024 byari byiyongereyeho 4,2%.

Mu kwezi kwa Mata 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 24,2%.

Ugereranyije Mata 2024 na Mata 2023, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 6,6%.

Ugereranyije Mata 2024 na Werurwe 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,2%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mata 2024, ibiciro mu byaro byagabanutseho 3,5% ugereranyije na Mata 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2024 byari byagabanutseho 1,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Mata 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,7%.

Ugereranyije Mata 2024 na Werurwe 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 11%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mata 2024 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 0,5% ugereranyije na Mata 2023. Mu kwezi kwa Werurwe 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Mata 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,6%.

Ugereranyije Mata 2024 na Werurwe 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8.9% .

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2023 kugeza muri Mata 2024.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2023** | | | | | | | | | **2024** | | | |
| | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 | 6,4 | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 |
| Mu byaro | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 | 6,1 | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 |
| Mu Rwanda | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 | 6,2 | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 | -2,5 | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 |
| Mu byaro | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 | -5,6 | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 |
| Mu Rwanda | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 | -4,4 | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw